REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2015

**10 Nzeri 2015**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2015

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2015. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 3,0% mu kwezi gushize kwa Kanama 2015 ugereranyije na Kanama 2014. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2015) ryari ku kigereranyo kingana na 2,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 3,0% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 9.9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,5% n'ibiciro by'ubwikorezi 2,0%.

Iyo ugereranyije Kanama 2015 na Kanama 2014, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,7%.

Wagereranya ukwezi kwa munani (Kanama 2015) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2015) ibiciro byazamutseho 0,9%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,6%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Kanama 2015 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 1,7% ugereranyije na Kanama 2014. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2015) ryari ku kigereranyo kinganana 0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 1,7% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,9% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n' itabi byazamutseho 10,1%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2015) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2015) ibiciro byazamutseho 2,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,8%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Kanama 2015 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 2,2% ugereranyije na Kanama 2014. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2015) byiyongereyeho 1,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2,2% mu kwezi kwa Kanama 2015 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,2% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2015) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2015) ibiciro byazamutseho 1,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2014 kugeza muri Kanama 2015.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Kanama 2014 kugeza Kanama 2015**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2014 | | | | | 2015 | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,9 | 0,2 | 0,5 | 0,7 | 2,1 | 1,4 | 0,7 | 0,8 | 0,9 | 2,2 | 2,8 | 2,3 | 3,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 4,7 | -0,6 | -3,2 | -4,9 | -1,7 | -0,2 | 0,0 | -1,3 | 1,5 | 1,2 | 0,1 | 0,4 | 1,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 3,3 | -0,4 | -2,1 | -3,1 | -0,4 | 0,4 | 0,2 | -0,7 | 1,2 | 1,6 | 1,0 | 1,1 | 2,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,2 | 0,5 | 0,6 | -0,7 | -0,3 | -0,5 | 0,5 | 0,8 | 0,8 | 0,6 | 0,0 | -0,1 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,8 | 0,2 | -0,8 | -1,7 | -1,8 | -1,3 | 1,4 | 2,4 | 2,7 | -0,2 | -1,2 | -0,1 | 2,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,6 | 0,3 | -0,3 | -1,4 | -1,3 | -1,0 | 1,1 | 1,9 | 2,0 | 0,1 | -0,8 | -0,1 | 1,7 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR; oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw